



# Icyemezo k'ingirakamaro


Patrick Munyurangabo
Vusi Malindi

Kinyarwanda

African Storybook.org




Umudugudu wacu wari ufite ibibazo byinshi. Twatondaga umurongo muremure dutegereje kuvoma kuri robine imwe twari dufite.




Twari twaramenyereye ibiryo duhawe n'abagiraneza.




Twafungaga amazu yacu hakiri kare kubera abajura.




Abana benshi bari barataye ishuri.




Abakobwa bakoraga akazi ko mu rugo mu yindi midugudu.




Abahungu b'ingimbi birirwaga bazerera, cyangwa bagakora mu mirima ya rubanda.



Iyo umuyaga wahuhaga, imyanda y'ibipapuro yanyanyagiraga hirya no hino mu mashami y'ibiti no mu nzitiro.




Ibimene by'ibirahure
byapfaga kujugunywa
hirya no hino
byakomeretsaga abantu.




Umunsi umwe rero, reka robine yacu izakame n'ibigega bishiremo amazi.




Ubwo Data yarahagurutse. Azenguruka ingo zose, akangurira abaturage kwitabira inama y'umudugudu.




Ubwo abaturage bose bateranira munsi y'igiti kinini bamutega amatwi.




Data yarahagurutse aravuga ati: "Tugomba gukorera hamwe tugakemura ibibazo byacu."




Umwana w'imyaka umunani witwa Juma yiyicariye mu giti avuga aranguruye ijwi ati: "Nshobora kubafasha gukora isuku."



Umugore umwe aravuga ati: "Abagore dushobora kwishyira hamwe tugahinga ibyo kurya."



Undi mugabo arahaguruka aravuga ati: "Abagabo tuzafukura iriba."



Twese twavugiye icyarimwe tuti: "Tugomba guhindura ubuzima bwacu." Kuva uwo munsi, twakoreye hamwe dukemura ibibazo byacu.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Icyemezo k'ingirakamaro

**Umwanditsi** -- Ursula Nafula
**Cyahinduwe** -- Patrick Munyurangabo
**Icyitegererezo** -- Vusi Malindi
**Ururimi** -- Kinyarwanda
**Urwego**-- Paragarafe ya mbere

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org

**2023.08.26**